



# Bisi Nini Y'ubururu


Emmanuel Sibomana
Mango Tree

Kinyarwanda

African Storybook.org




Mu mudugudu Mugisha yari atuyemo hakoraga bisi imwe gusa yajyaga mu mugi. Yari nini kandi isa n'ubururu. Yagendaga isakuza cyane.




Umunsi umwe nyina wa Mugisha aramubwira ati, "Ejo tuzajya mu mugi kugura imyenda yawe y'ishuri."




Mugisha yarishimye cyane kubera ko bari kugenda muri ya bisi nini y'ubururu. Yaraye adasinziriye iryo joro.



Mugisha yari yarangije kwambara igihe nyina yazaga kumukangura mu gitondo.



Mugisha na nyina batangira urugendo bagana aho bategera bisi. Bahageze bategereza ya bisi nini y'ubururu. Ariko bisi ntiyaza.



Abandi bantu na
bo baje aho
bategera bisi.
Batangira
kwivovota kubera
ko bisi yari yatinze.
Baribazaga bati,
"Ese bisi yaba
yadusize?"



Mugisha yari yihebye. Yaratekerezaga ati, "Ntabwo turi bubashe kujya mu mugi. Sindi bubone imyenda yanjye y'ishuri."




Abantu bamwe barambiwe gutegereza, bisubirira mu rugo. Ariko Mugisha ararira yanga gutaha. Nyina aramuhumuriza. Ati, "Turakomeza dutegereze gato."



Muri ako kanya bumva urusaku. Babona ivumbi ritumuka. Ya bisi yari ije!




Ariko iyo bisi yari ije ntiyari ubururu, nta n'ubwo yari nini. Iyo bisi yari umutuku kandi ari ntoya. Abari bategereje bitegereza iyo bisi. Ntibayijyamo.




Umushoferi ararababwira ati, "Nimwinjire! Nimwinjire!" Ati, "Uyu munsi twakererewe cyane."





Mugisha na nyina ni bo babanje kwinjira. Hanyuma n'abadi bose binjira muri ya bisi nto itukura.



Mugisha arebera mu idirishya. Abona hakiri abandi bantu aho bategera bisi.



Ndetse hari benshi bari bacyirukanka ngo binjire muri iyo bisi. Ariko bari bakererewe. Bisi yari yamaze kuzura. Ya bisi itukura irahaguruka yerekeza mu mugi.




Nyina wa Mugisha arabaza ati, "Ese ya bisi nini y'ubururu iri he?" Umushoferi aramusubiza ati, "Yarapfuye." Yongeraho ati, "Turi kuyikanika izaza ejo."




Ibara rya bisi ntacyo ryari ribwiye Mugisha. Nta n'ikibazo yari atewe n'uko bisi yari ntoya. Yari ashimishijwe n'uko iyo bisi yari igiye mu mugi.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Bisi Nini Y'ubururu

**Author** - Mecelin Kakoro
**Translation** - Emmanuel Sibomana
**Illustration** - Mango Tree
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First sentences

© African Storybook Initiative 2015
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org